CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Commission Episcopale pour la Pastorale des Jeunes, C.E.P.J**
Tél. : (250)787981328/ 0788859612
Web: www.urubyiruko.net. E-mail:ccepj@yahoo.fr. ceprcepj@gmail.com

**UBUTUMWA BUGENEWE UMUNSI WO GUSOZA UKWEZI KWAHARIWE IKENURABUSHYO RY'URUBYIRUKO MU RWANDA (28/01/2024)**

***NIMWISHIMIRE AMIZERO MUFITE MURI KRISTU (Cfr Rom 12:12 )***

## I. Intangiriro

Rubyiruko dukunda,

Uyu munsi, turahimbaza icyumweru cya 4 gisanzwe mu mwaka wa liturujiya B, kikaba gihuriranye no gusoza ukwezi kwahariwe ikenurabushyo ry'urubyiruko muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Mbere yo kugira ubutumwa bwihariye tugeza ku rubyiruko rwacu, reka tubanze tuzirikane gato icyo amasomo matagatifu y'uyu munsi atubwira.

Isomo rya mbere ryavuye mu gitabo cy'Ivugururamategeko (Ivug 18:15-20), riraturarikira gutega amatwi ijwi ry'Imana, ntitugundirize imitima yacu. Uteze amatwi Imana akanakira icyo imusaba, ahorana ibyishimo, amahoro n'amizero. Isomo rya kabiri twumvise, ryavuye mu ibaruwa ya mbere Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye Abanyakorinti (1 Kor 7:32-35). Muri iri somo, Pawulo Mutagatifu araturarikira guharanira kwegukira Imana, guhitamo igitunganye, kudahihibikanira iby'isi, kuko ari yo mahitamo atuzanira amizero, amahoro n'ibyishimo. Mu isomo ry'Ivanjili ya none yanditswe na Mariko (Mk 1:21-28), twumvise uburyo abantu batangariraga inyigisho za Yezu n'ibitangaza yakoraga. Imwe mu nyigisho iyi vanjili ya none itugezaho, ni uko uwemeye kumva ijambo rya Yezu n'inyigisho ze, akamuba hafi, akamwisunga, Sekibi adashobora kumugiraho ububasha bwo kumwigarurira! Roho mbi twumvise yasohotse mu muntu yari yibasiye, ni uko yari yumvise Yezu ari hafi y'uwo yari yarashatse kwigarurira no kugira imbata. Uri kumwe na Yezu, Sekibi aramuhunga.

Rubyiruko dukunda,

1. *« Mwishimire amizero mufite, mwiyumanganye mu magorwa, ntimugahweme gusenga «*. (Rom 12:12).

Aya magambo ya Pawulo Mutagatifu, niyo twishimiye gushingiraho ubutumwa twabageneye kuri uyu munsi wo gusoza ukwezi kwahariwe ikenurabushyo ry'urubyiruko muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Nk'uko kandi Nyirubutungane Papa Fransisiko abyibutsa mu butumwa yatugejejeho taliki 9 Ugushyingo 2023 bwari buteganyirijwe

umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko wizihizwa ku cyumweru cya Kristu Umwami, yaragize ati. :« muri amizero ya Kiliziya ». Muri amizero y'igihugu na sosiyete. Nk'uko Pawulo Mutagatifu abyibutsa Abanyaroma bari mu gihe cy'ibigeragezo n'itotezwa rikomeye, amizero yacu ashingiye ku iyobera rya Pasika. Nubwo muntu adakwiye kwirara, ni ngombwa rwose kutibagirwa na rimwe ko imbaraga zacu n' ubumenyi dufite tutabironkeramo umunezero igihe twahigitse Imana. Ibyishimo nyakuri biva ku Mana kandi tubikesha kuzirikana ko dukunzwe nayo. Ibyo bigashingira ku kwemera, kuko gutuma twumva ko Imana yaturemye idushaka kandi idufiteho umugambi mwiza.

2. Kuba urubyiruko ni byiza cyane. Ni igihe umuntu aba afite inzozi nyinshi kandi nziza. Ni umwanya mwiza wo kumenya kurushaho, kwiga kubana n'abandi no guha ubuzima icyerecyezo. Imyaka y'urubyiruko, ni igihe cyiza cyo guhanga udushya, guharanira amahoro, ubutabera n'ituze rya bose ndetse no kwimakaza ubuvandimwe. Nyamara ariko, ibyo hari igihe byibagirana, ahubwo iki gihe aho kutubera umugisha kikaba cyatubera umutwaro. Aho niho hava umuhangayiko, kwiheba no gucika intege. No muri iyi minsi biragaragara ko hari urubyiruko rutari ruke rwihebye, rubuze amahoro y'umutima. Hari abo usanga ibibazo byarababanye byinshi, icyizere cyarayoyotse. Muri ibyo bibazo by'ingutu, twavugamo bimwe muri byo birimo ubukene n'imirire mibi, ubushomeri, ubusambanyi, kwiheba, ubupagani no kudasenga, ubwirasi, urwango, ubujura, ubunebwe, ubujiji, ibiyobyabwenge, gukoresha nabi ikoranabuhanga, kutiga no gucikiriza amashuri, ubupfubyi, kutitabwaho n'ababyeyi, amakimbirane mu muryango, inyota y'ibintu n'amafaranga, indwara z'ibyorezo, ibikomere, ubwigenge bukabije, n'ibindi byinshi.

Rubyiruko dukunda,

3. N'ubwo ibi bibazo byose bihari, ntimukwiye guheranwa nabyo kandi mufite Imana ibakunda. Ntimukwiye kwiheba Kiliziya ibari hafi. Dukwiye rwose kwishimira amizero dufite, ahanini ashingiye ku rukundo Yezu adukunda. Kuri uyu munsi, turazirikana kandi duhumuriza urubyiruko ruri mu magororero, ibigo ngororamuco, inkambi z'impunzi no mu zindi ngorane zitandukanye. Aba nabo dukwiye kubitaho tubereka urukundo kandi tubasabira. Hari kandi ikindi cyiciro cy'urubyiruko twongera guhamagarira kurangamira Kristu we soko y'amizero yacu. Abo ni ababwirwa cyangwa se bagakeka ko batinze gushinga ingo cyangwa kubona umuhamagaro wabo. Nk'uko twumvise Pawulo mutagatifu abitubwira mu isomo rya kabiri ryo kuri iki cyumweru, uwizera Imana aharanira gukora ikirushijeho gutungana, kandi akamenya kwegukira Imana nta nkomyi mu muhamagaro Imana yamumurikiye guhitamo (1 Kor 7 :35). Bavandimwe rubyiruko, nimuhumure kandi murangamire Kristu we ugenga imihamagaro yose kandi agahamagarira buri wese icyo abona kimukwiye ndetse kinogeye ugushaka kwe.

Rubyiruko rwacu.

4. Muri Kiliziya Gatolika yo mu Rwanda, turimo gusoza uku kwezi kwahariwe ikenurabushyo ry'urubyiruko, twitegura kwinjira mu mihimbazo ya yubile y'impurirane : imyaka 2025 y'ugucungurwa kwa bene muntu, n'imyaka 125 tumaze twakiriye Inkuru nziza. Izo yubile z'impurirane tuzazihimbaza umwaka utaha wa 2025. Mu rwego rwo kugira ngo izi yubile zombi zizatwerere imbuto mu bukristu, Abepiskopi banyu bifuje ko twinjira mu mihimbazo yazo guhera uyu mwaka wa 2024, gahunda yo kuzitangiza ku rwego rw'igihugu ikaba iteganyijwe muri Diyosezi ya Kabgayi ku itariki ya 10 Gashyantare 2024[1].

5. Insanganyamatsiko Abepiskopi baduhitiyemo ikazatuyobora muri iyi myaka ibiri ya yubile iragira iti : « Turangamire Kristu : Soko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro » (Ef 2 :11-22)[2]. Nk'uko tubibona, iyi nsanganyamatsiko iradusaba kugaruka ku isoko y'ukwemera kwacu, ari we Kristu, kugira ngo atubere koko isoko nyayo itubyarira ukwizera, amahoro n'ubuvandimwe twese twifuza kandi tunyotewe, by'umwihariko muri iyi si yacu ya none yibasiwe n'imihengeri y'amoko yose.

Rubyiruko dukunda,

6. Mu mihimbazo iteganyijwe kwizihizwa mu byiciro bitandukanye by'ikenurabushyo, harimo kuzahimbaza yubile y'urubyiruko, ibi bikaba biteganyijwe kuzabera muri Diyosezi ya Ruhengeri bikazahurirana n'ihuriro y'urubyiruko (forum) ku rwego rw'igihugu rizabera muri iyo Diyosezi kuva tariki ya 21 kugeza ku ya 25 Kanama 2024. Tuzahimbaza iyi yubile y'urubyiruko tuyihuze n'iy'ikenurabushyo ry'abana muri kiliziya yacu. Mu rwego rwo kugira ngo iyi yubile y'urubyiruko n'abana izabashe kutwerera imbuto mu bukristu bwacu, turabasaba kandi tubashishikariza gutegura uburyo muzahimbaza iyo yubile ku rwego rw'amadiyosezi n'amaparuwasi yanyu, ku buryo bizafasha urubyiruko kwivugurura mu bukristu.

7. Mu bikorwa byo guhimbaza kandi izi yubile z'impurirane, Abepiskopi banyu bateganyirije urubyiruko urugendo nyobokamana ruzabera i Kibeho mu murwa w'Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo. Itariki y'urwo rugendo nyobokamana

---

[1] Reba *Ibaruwa y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda itangaza yubile y'impurirane yo muri 2025*, ku wa 30 Ugushyingo 2023, n° 12

[2] Reba *Ibaruwa y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda itangaza yubile y'impurirane yo muri 2025*, ku wa 30 Ugushyingo 2023, n° 5

izabamenyeshwa mu gihe gikwiye, kugira ngo urubyiruko mu madiyosezi yose ruzabashe kurutegura kare no kurwitabira.

8. Turasaba by'umwihariko abashinzwe ikenurabushyo ry'urubyiruko n'abana ku nzego zitandukanye, kuzifashisha iyi myaka ya yubile bagaha imbaraga zidasanzwe imiryango y'agisiyo gatolika igenda icika intege muri iki gihe, bakazashishikariza abana n'urubyiruko kuyitabira.

9. Mu minsi ishize, twatangiye hirya no hino mu madiyosezi yose gahunda yo kwigisha no gushishikariza urubyiruko gukunda no gusoma Ijambo ry'Imana. Ijambo ritwibutsa ko twanditse mu kiganza cy'Imana, rikaturemamo icyizere cy'ubuzima. Ijambo ry'Imana ritwibutsa ko Imana itwumva kandi ikamenya ibyo dukeneye. Ijambo ry'Imana riraduhumuriza kandi rikatwibutsa ko Imana itabara. Muri iyi myaka ya yubile y'impurirane, turagira ngo dushishikarize urubyiruko gutunga Ijambo ry'Imana, no kugana amashuri adufasha kuricengera ndetse no kwishyira hamwe mu matsinda atandukanye yo muri Paruwasi zanyu agamije kubafasha kurisobanukirwa no kubeshwaho na ryo.

Rubyiruko dukunda, bana bacu,

10. Mu gusoza ubu butumwa, turagira ngo tubashishikarize kwakira izi yubile z'impurirane nk'impano ikomeye Imana iduhaye, Imana ihaye Kiliziya yacu. Uzababere umwanya wo kugaruka ku isoko y'amazero y'ubuzima bwanyu, maze muzivugurure koko mu bukristu. Nk'uko ivanjili ya none yabitubwiye (Mk 1 :25-26), uwegereye Kristu akabana na we, Sekibi ntashobora kumuhangara cyangwa kumwigarurira. Iyo twegereye Yezu, yirukana Sekibi ushaka kutwigarurira ngo atwambure ibyishimo n'amahoro, adutere kwiheba.

Bikira Mariya Nyina wa Jambo abaherekeze muri uru rugendo rwa Yubile dutangiye, maze azabayobore ku Mwana we Yezu, ababere isoko y'amizero, ubuvandimwe n'amahoro (Ef 2 :11-22). Mwese Imana ibahe umugisha.

Bikorewe i Byumba, ku wa 25 Mutarama 2024.

**† Papias MUSENGAMANA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Byumba,**
**akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi ishinzwe ikenurabushyo ry'urubyiruko.**